| 2° Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwo ku rwego rw'Akarere; | 2° a district memorial site for the Genocide against the Tutsi; | 2° un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau de District; |
| 3° Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ruri mu mahanga; | 3° a memorial site for the Genocide against the Tutsi located abroad; | 3° un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi sis à l'étranger ; |
| 4° Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwo ku rwego mpuzamahanga. | 4° an international memorial site for the Genocide against the Tutsi. | 4° un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau international. |

Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Igihugu rugomba kuba rufite amateka yihariye yo ku rwego rw'Igihugu mu byerekeye gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi.

A national memorial site for the Genocide against the Tutsi must have a special history of national relevance relating to the planning and execution of the Genocide against the Tutsi.

Le site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau national doit avoir une portée historique nationale particulière en ce qui concerne la planification et l'exécution du Génocide perpétré contre les Tutsi.

Muri buri Karere hari nibura urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rumwe ruri ku rwego rw'Akarere. Mu bigaragaza urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Akarere hagomba kuba harimo n'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi yabereye muri ako Karere.

In every District, there shall be at least one District memorial site for the Genocide against the Tutsi. Part of the characteristics of a District memorial site for the Genocide against the Tutsi must be reminiscent of the history of the Genocide against the Tutsi in that District.

Chaque District dispose d'au moins un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau de District. Les caractéristiques du site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau de District doivent comprendre un aspect historique du Génocide perpétré contre les Tutsi dans ce District.

Iteka rya Minisitiri rigena ibindi bishingirwaho mu kugaragaza ko Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ruri ku rwego rw'Igihugu cyangwa urw'Akarere.

An Order of the Minister determines other criteria for categorizing a memorial site for the Genocide against the Tutsi as a national memorial site or a District memorial site.

Un arrêté du Ministre détermine d'autres critères de catégorisation d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi comme site mémorial au niveau national ou site mémorial au niveau de District.

Ingingo ya 11: Aho Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rubarizwa nk'umutungo

Article 11: Domain of a memorial site for the Genocide against the Tutsi as property

Article 11: Domaine dont relève un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi en tant que patrimoine

Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ruri mu mutungo rusange wa Leta.

A memorial site for the Genocide against the Tutsi forms part of the State's public domain.

Un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi relève du domaine public de l'Etat.

Ku bwumvikane bwa Leta y'u Rwanda n'inzezo mpuzamahanga zibishinze, Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rushobora gushyirwa mu murage w'isi byemejwe n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 12: Imyubakire y'Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi n'ibiruranga

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko, uburyo bukurikizwa mu kubaka Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi no kurufata neza bushyirwaho n'iteka rya Minisitiri, rikagena kandi ikirango cya Jenoside yakorewe Abatutsi gishyirwa kuri buri rwibutso n'ibindi biruranga.

Ingingo ya 13: Ibikorwa bikorerwa ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi

Uretse ibikorwa bikorerwa ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi biteganywa n'iri tegeko, ibindi bikorwa bitangirwa uruhushya rwanditswe na Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside.

Iyo bigaragaye ko ahashyirwaga imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi huzuye burundu, imva zitagifite umwanya wo gushyirwamo zirafungwa.

Upon agreement between the Rwandan Government and relevant international bodies, a memorial site for the Genocide against the Tutsi may be inscribed on the world heritage list upon approval by a Presidential Order.

Article 12: Construction standards for and features of a memorial site for the Genocide against the Tutsi and its features

Without prejudice to the provisions of this Law, an Order of the Minister determines standards for the construction and maintenance of a memorial site for the Genocide against the Tutsi as well as the logo of the Genocide against the Tutsi to be put on each memorial site for the Genocide against the Tutsi and other features of such a memorial site.

Article 13: Activities conducted at a memorial site for the Genocide against the Tutsi

Except for the activities conducted at a memorial site for the Genocide against the Tutsi that are provided for in this Law, all other such activities shall be authorised in writing by the National Commission for the Fight against Genocide.

When it is evident that an area in which bodies of the victims of the Genocide against the Tutsi are laid to rest is completely full, the graves are permanently closed.

Après accord entre l'Etat Rwandais et les instances internationales habilitées, un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi peut être inscrit sur la liste du patrimoine mondial sur approbation par arrêté présidentiel.

Article 12: Normes de construction et caractéristiques d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi

Sans préjudice des dispositions de la présente loi, un arrêté du Ministre détermine les normes de construction et d'entretien d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi ainsi que le logo du Génocide perpétré contre les Tutsi à mettre sur chaque site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi et d'autres caractéristiques de ce site mémorial.

Article 13: Activités menées au site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi

Excepté les activités menées au site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi prévues par la présente loi, toutes les autres activités sont soumises à l'autorisation écrite de la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide.

Lorsqu'il s'avère que l'endroit où reposent les corps des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi est entièrement plein, les tombes sont définitivement fermées.

Ingingo ya 14: Gusura urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibigenderwaho mu gusura urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi.

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside cyangwa ubuyobozi bw'Akarere, bitewe n'uko urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ruri ku rwego rw'Igihugu cyangwa ku rwego rw'Akarere, bagenzura inkunga ihawe urwibutso n'abarusura, bakanagena imikoreshereze yayo ijyanye no gufata neza inzibutso.

Ingingo ya 15: Guhuriza hamwe inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi

Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi zihoraho, bityo ntizishobora kwimurwa.

Icyakora, iyo bibaye ngombwa mu rwego rwo kurushaho kuzifata neza, inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi zishobora guhurizwa hamwe. Iteka rya Perezida rishyiraho uburyo bwo guhuriza hamwe Inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi.

Iyo inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi zihurijwe hamwe, bitewe n'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi yihariye yaranze aho urwibutso

Article 14: Visit to a memorial site for the Genocide against the Tutsi

An Order of the Minister determines procedures and conditions for paying visits to a memorial site for the Genocide against the Tutsi.

The National Commission for the Fight against Genocide or the District authorities depending on whether the memorial site for the Genocide against the Tutsi is a national or District memorial site, monitors the management of the assistance given to the memorial site by visitors and decides on its use for the maintenance of the memorial sites.

Article 15: Consolidation of memorial sites for the Genocide against the Tutsi

Memorial sites for the Genocide against the Tutsi are permanent and shall not be moved.

However, if deemed necessary and for their better maintenance, memorial sites for the Genocide against the Tutsi may be consolidated. A Presidential Order determines modalities for the consolidation of memorial sites of the Genocide against the Tutsi.

When memorial sites for the Genocide against the Tutsi are consolidated, depending on specific history of a site from which a memorial has been

Article 14: Visite d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi

Un arrêté du Ministre fixe les modalités relatives à la visite d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi

La Commission Nationale de Lutte contre le Génocide ou l'administration de District selon que le site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi est au niveau national ou de District s'assure de la gestion de l'assistance accordée par des visiteurs au site mémorial et décide de son affectation aux travaux d'entretien des sites mémoriaux.

Article 15: Consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi

Les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi sont définitivement établis et ne peuvent pas, par conséquent être déplacés.

Toutefois, en cas de nécessité et pour leur meilleur entretien, les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi peuvent être consolidés. Un arrêté présidentiel détermine les modalités de consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi.

En cas de consolidation des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi, compte tenu des aspects historiques particuliers du Génocide perpétré contre les Tutsi ayant marqué

rwari ruri, hagomba gusigara ikimenyetso kiranga ayo mateka.

Ingingo ya 16: Gushyingura

Imibiri y'abazize Jenocide yakorewe Abatutsi yabonetse ishyingurwa mu cyubahiro mu rwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi bitangiwe uruhushya n'Akarere urwo rwibutso ruherereyemo bikamenyeshwa Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenocide; cyangwa bigatangirwa Uruhushya na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenocide mu gihe urwibutso ruri ku rwego rw'Igihugu.

Mu gihe iyo mibiri itarashyingurwa, ubuyobozi bw'Akarere bubimenyeshya Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenocide kugira ngo nibiba ngombwa hafatwe ingamba zo kubika iyo mibiri mu buryo bunoze kandi burambye.

Imibiri yangiritse cyangwa itarashoboye gutunganywa ngo ibikwe mu buryo buteganywa mu gika kibanziriza iki ishyingurwa mu cyubahiro.

Birabujijwe gutwika no kwangiza ku buryo ubwo aribwo bwose imibiri y'abazize Jenocide yakorewe Abatutsi.

moved, a sign reminiscent of that history must remain at the site.

Article 16: Burial

The bodies of victims of the Genocide against the Tutsi that are discovered shall be buried in dignity at a memorial site for the Genocide against the Tutsi with authorization from the District where the site is located and the National Commission for the Fight against Genocide is informed thereof; or the authorization is granted by the National Commission for the Fight against Genocide if the site is at the national level.

While such bodies are not yet laid to rest, District authorities inform the National Commission for the Fight against Genocide, in order to take necessary measures for efficient and sustainable preservation of the bodies.

Bodies that are damaged or bodies that have not been treated for preservation thereof as required in the preceding paragraph are laid to rest in dignity.

It is prohibited to cremate or damage in any way bodies of the victims of the Genocide against the Tutsi.

l'emplacement du site mémorial déplacé, cet emplacement doit garder un signe caractéristique de ces aspects historiques.

Article 16: Inhumation

Les corps des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi retrouvés sont inhumés en toute dignité dans un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi sur autorisation du District où se trouve ce site et la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide en est informée; ou sur autorisation de la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide s'il s'agit d'un site mémorial national.

Au cas où ces corps ne sont pas encore inhumés, l'administration du District en informe la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide afin que les mesures nécessaires soient prises pour une conservation appropriée et durable de ces corps.

Les corps endommagés ou qui n'ont pas été traités pour être conservés conformément à l'alinéa précédent sont inhumés en toute dignité.

Il est interdit d'incinérer et de détruire de quelque manière que ce soit les corps des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi.

Ingingo ya 17: Uruhare rw'ubuyobozi mu gushyingura

Ubuyobozi bw'Akarere bufite inshingano yo gushakisha imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi itarashyingurwa cyangwa yashyinguwe nabi no gukora ibishoboka byose ngo ishyingurwe mu cyubahiro mu gihe kitarenze amezi atatu (3) kuva imibiri ibonetse; bufite kandi n'inshingano yo gushaka ibyangombwa byose bikenerwa kugira ngo ibyo bikorwa bigende neza.

Ingingo ya 18: Kwimura imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi

Imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi yari yarashyinguwe ahandi hatari mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi yimurirwa mu nzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi ziteganywa n'iri tegeko, igashyingurwa mu cyubahiro iyo ba ny'ir'abantu bazize Jenoside yakorewe Abatutsi bayimuye babyibwirije cyangwa babyumvikanyeho n'ubuyobozi bw'Akarere iyo mibiri ihereyemo.

Ntibyemewe ko umuntu wazize Jenoside yakorewe Abatutsi avanwa mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi agashyingurwa mu irimbi risanzwe cyangwa ahandi hose.

Article 17: Role of authorities in burial activities

District authorities have the obligation to search for bodies of victims of the Genocide against the Tutsi that are not yet buried or bodies that are not buried in dignity, and to do utmost to lay them to rest in dignity in a period of three (3) months from when the bodies are discovered. The authorities also have the obligation to provide all that is needed to ensure the smooth running of such a process.

Article 18: Transfer of bodies of victims of the Genocide against Tutsi

Bodies of victims of the Genocide against the Tutsi that were buried in a place other than a memorial site for the Genocide against the Tutsi, on the initiative of families of the victims of the Genocide against the Tutsi or in agreement with authorities of the District where the bodies are located, are transferred to memorial sites for the Genocide against the Tutsi provided for in this Law to be laid to rest in dignity.

It is prohibited to transfer a body of a victim of the Genocide against the Tutsi from a memorial site for the Genocide against the Tutsi to be buried in an ordinary cemetery or elsewhere.

Article 17: Rôle des autorités dans les activités d'inhumation

L'administration du District a l'obligation de rechercher les corps des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi non encore inhumés ou mal inhumés et faire tout son possible pour les inhumer avec dignité dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois à compter de la découverte de ces corps. Elle a en outre l'obligation de rendre disponible tout le nécessaire pour garantir le bon déroulement de ces opérations.

Article 18: Déplacement des corps des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi

Les corps des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi déjà inhumés dans des lieux autres que le site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi sont, sur l'initiative des membres des familles des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi ou de commun accord avec l'administration de District où se trouvent ces corps, déplacés dans les sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi prévus par la présente loi pour y être inhumés en toute dignité.

Il est interdit de déplacer du site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi le corps d'une victime du Génocide perpétré contre les Tutsi pour être inhumé dans un cimetière ordinaire ou ailleurs.

Ingingo ya 19: Imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi itarashyinguwe

Imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi itarashyinguwe kubera impamvu zo kubika ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi ku buryo burambye igomba gutunganywa ikabikwa mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu buryo itangirika, igashyirwa ahantu mpeshagaciro.

Ingingo ya 20: Ahantu hagaragaza amateka y'abantu baroshywe mu mazi, mu rufunzo no mu buvumo

Iyo hari abantu baroshywe mu mazi, mu rufunzo, mu buvumo cyangwa ahandi hantu hihariye, Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside cyangwa Akarere bigena ikimenyetso kigaragaza amateka y'aho hantu.

Ingingo ya 21: Ahantu hashyirwa ikimenyetso cya Jenoside yakorewe Abatutsi

Mu Kigo cya Leta, icyigenga, mu mahanga n'ahandi hemejwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha hashobora gushyirwa ikimenyetso cya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Article 19: Unburied bodies of the victims of the Genocide against the Tutsi

Bodies of victims of the Genocide against the Tutsi that were not laid to rest for sustainable preservation of evidence of the Genocide against the Tutsi must be well treated and kept safe in a memorial site for the Genocide against the Tutsi and be put in a respectable location.

Article 20: Historical sites for the victims thrown into water, papyrus swamps and caves

Where there are victims who were thrown into water, papyrus swamps, caves or in any other specific place, the National Commission for the Fight against Genocide or the District determine the symbol reflecting the history of that place.

Article 21: Place for erection of the monument for the Genocide against the Tutsi

The monument for the Genocide against the Tutsi may be erected in a public or private institution, in a foreign country or in such other location as may be determined by competent authorities.

Article 19: Corps des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi non inhumés

Les corps des victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi non inhumés en vue de la conservation durable des preuves du Génocide perpétré contre les Tutsi doivent être traités, conservés à l'abri de tout endommagement dans un site mémorial et placés à un endroit digne.

Article 20: Sites historiques en mémoire des victimes jetés dans les cours d'eau, les marais de papyrus et les grottes

S'il y a des victimes qui ont été jetées dans les cours d'eau, dans les marais de papyrus, dans les grottes ou en tout autre lieu particulier, la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide ou le District déterminent le symbole reflétant l'histoire de cet endroit.

Article 21: Lieu d'érection du monument du Génocide perpétré contre les Tutsi

Le monument du Génocide perpétré contre les Tutsi peut être érigé dans une institution tant publique que privée, à l'étranger ou dans tout autre lieu déterminé par les autorités compétentes.

Icyiciro cya 2: Imicungire y'inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi

Ingingo ya 22: Imicungire y'urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Igihugu

Urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Igihugu rucungwa na Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenocide ifatanyije n'Akarere urwo rwibutso rurimo.

Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenocide ifite inshingano zo gushaka amikoro yo kubaka urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi ku rwego rw'igihugu, kurusana no gukurikirana imicungire yarwo ya buri muni.

Ingingo ya 23: Imicungire y'Urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Akarere

Imicungire y'Urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Akarere ikorwa n'Akarere urwo rwibutso rwubatsemo.

Akarere gateganya mu ngengo y'imari yako ya buri mwaka, amafaranga ajyanye no kubaka, gusana no gukurikirana imicungire ya buri muni y'Urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi mu Karere.

Buri karere ku bufatanye na Polisi y'Igihugu gashyiraho uburyo bwo gucunga umutekano

Section 2: Management of memorial sites for the Genocide against the Tutsi

Article 22: Management of a national memorial site for the Genocide against the Tutsi

The National Commission for the Fight against Genocide in collaboration with the District where a memorial site for the Genocide against the Tutsi at the national level is located are responsible for its management.

The National Commission for the Fight against Genocide is responsible for raising required funds to build a memorial site for the Genocide against the Tutsi at the national level, repairing it and monitoring its day-to-day management.

Article 23: Management of a District memorial site for the Genocide against the Tutsi

The management of a District memorial site for the Genocide against the Tutsi is the responsibility of the District where the site is erected.

The District includes in its annual budget funds earmarked for the construction, repair and monitoring of the day-to-day management of a District memorial site for the Genocide against the Tutsi.

Every District, in collaboration with Rwanda National Police, sets up mechanisms to ensure

Section 2: Gestion des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi

Article 22: Gestion d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau national

Le site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau national est géré par la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide en collaboration avec le District du lieu où se trouve le site mémorial.

La Commission Nationale de Lutte contre le Génocide est chargée de la mobilisation des fonds pour la construction du site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau national, sa réhabilitation et le suivi de sa gestion quotidienne.

Article 23: Gestion d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau de District

La gestion d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau de District est assurée par le District où est érigé ce site.

Le District prévoit dans son budget annuel les fonds pour la construction, la réhabilitation et le suivi de la gestion quotidienne du site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau de District.

Chaque District, en collaboration avec la Police Nationale, instaure un système de sécurisation d'un

w'Urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi ruri mu ifasi yako.

security of the memorial site for the Genocide against the Tutsi located in its jurisdiction.

site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi relevant de son ressort.

Ingingo ya 24: Imicungire y'Urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi ruri mu mahanga

Article 24: Management of a memorial site for the Genocide against the Tutsi located abroad

Article 24: Gestion du site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi situé à l'étranger

Urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi ruri mu mahanga rucungwa na Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo binyuze muri Ambassade y'u Rwanda mu Gihugu urwo rwibutso rwubatsemo.

A memorial site for the Genocide against the Tutsi located abroad is managed by the Ministry in charge of Foreign Affairs through the Rwandan embassy in the country where the memorial site is erected.

Un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi situé à l'étranger est géré par le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions par l'intermédiaire de l'Ambassade du Rwanda accréditée dans le pays où est construit ce site mémorial.

Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano zayo iteganya ku ngengo y'imari yayo ya buri mwaka, amafaranga ajyanye no gufata neza urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi ruri mu mahanga.

The Ministry in charge of Foreign Affairs includes in its annual budget funds earmarked for the maintenance of a memorial site for the Genocide against the Tutsi located abroad.

Le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions prévoit dans son budget annuel des fonds pour l'entretien approprié d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi situé à l'étranger.

Ingingo ya 25: Amafaranga yo kubaka no gufata neza urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi

Article 25: Funds for the construction and maintenance of a memorial site for the Genocide against the Tutsi

Article 25: Fonds de construction et d'entretien d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi

Amafaranga yo kubaka no gufata neza urwibutso rwa Jenocide yakorewe Abatutsi akomoka aha hakurikira:

Funds required to build and carry out maintenance of a memorial site for the Genocide against the Tutsi come from the following:

Les fonds de construction et d'entretien d'un site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi proviennent des sources suivantes:

1° ku ngengo y'imari ya Leta;

1° State budget allocations;

1° dotations budgétaires de l'État;

2° ku mpano zinyuranye;

2° various donations;

2° dons variés;

3° ku nkunga zinyuranye.

3° various grants.

3° subventions diverses.

Ingingo ya 26: Abakozi bashinzwe inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi

Buri rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rugira abakozi ba ngombwa bashinzwe kurucunga, kurufata neza no gusobanura neza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Abakozi bahoraho bashinzwe gucunga inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Igihugu bashyirwaho na Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside.

Abakozi bashinzwe gucunga inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi ku rwego rw'Akarere bashyirwaho n'Akarere urwo rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi ruherereyemo.

Abakozi bashinzwe inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi ziri mu mahanga bashyirwaho n'Ambasade y'u Rwanda y'aho urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwubatswe.

Abakozi bashinzwe imicungire y'inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Article 26: Staff in charge of memorial sites for the Genocide against the Tutsi

Every memorial site for the Genocide against the Tutsi shall have the necessary staff responsible for its management and maintenance and tasked to thoroughly explain the history of the Genocide against the Tutsi.

The permanent staff responsible for the management of national memorial sites for the Genocide against the Tutsi at the national level are appointed by the National Commission for the Fight against Genocide.

The staff responsible for the management of District memorial sites for the Genocide against the Tutsi are appointed by the District where such memorial sites for the Genocide against the Tutsi are located.

The staff responsible for memorial sites for the Genocide against the Tutsi located abroad are appointed by the Rwandan embassy where the memorial site for the Genocide against the Tutsi is located.

The staff responsible for the management of memorial sites for the Genocide against the Tutsi are governed by the general statutes for public service.

Article 26: Personnel chargé des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi

Chaque site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi dispose d'un personnel nécessaire chargé de sa gestion et de son entretien et de bien expliquer l'histoire du Génocide perpétré contre les Tutsi.

Le personnel permanent chargé de la gestion des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau national est nommé par la Commission Nationale de Lutte contre le Génocide.

Le personnel chargé de la gestion des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi au niveau de District est nommé par le District du lieu où se trouvent ces sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi.

Le personnel chargé de la gestion des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi à l'étranger est nommé par l'Ambassade du Rwanda dans le pays où se trouve le site mémorial du Génocide perpétré contre les Tutsi.

Le personnel chargé de la gestion des sites mémoriaux du Génocide perpétré contre les Tutsi est régi par le statut général de la fonction publique.

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 27: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.

Ingingo ya 28: Ivanwaho ry’itegeko n’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko

Itegeko n° 56/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigenga inzibutso n’amarimbi by’abazize Jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda n’ingingo zose z’amategeko abanziriza iri tegeko kandi zinyuranyije na ryo bivanweho.

Ingingo ya 29: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.

Kigali, ku wa 02/05/2016

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

Article 27: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 28: Repealing provision

Law n° 56/2008 of 10/09/2008 governing memorial sites and cemeteries of victims of the Genocide against the Tutsi in Rwanda and all prior provisions contrary to this Law are hereby repealed.

Article 29: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 02/05/2016

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Article 27: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Article 28: Disposition abrogatoire

La Loi n° 56/2008 de la 10/09/2008 portant organisation des sites mémoriaux et cimetières pour les victimes du Génocide perpétré contre les Tutsi au Rwanda et toutes les dispositions antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 29: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 02/05/2016

Official Gazette n° 22 of 30/05/2016

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des sceaux

ITEGEKO N°16/2016 RYO KU WA 10/05/2016
RIGENA UBURYO BWO KURENGERA
UBUZIMA BW'IBIMERA MU RWANDA

LAW N°16/2016 OF 10/05/2016 ON PLANT
HEALTH PROTECTION IN RWANDA

LOI N°16/2016 DU 10/05/2016 PORTANT
PROTECTION DE LA SANTE DES
VEGETAUX AU RWANDA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

UMUTWE WA II: IYINJIRA RY'IBIMERA
MU GIHUGU

CHAPTER II: IMPORTING PLANTS

CHAPITRE II: IMPORTATION DES
VEGETAUX

Ingingo ya 3: Kwinjiza ikimera n'ikigikomokaho

Article 3: Importing a plant and a plant product

Article 3: Importation d'un végétal et d'un
produit végétal

Ingingo ya 4: Ikimera cyangwa ikigikomokaho
kidakenere uruhushya cyangwa icyemezo
cy'ubuziranenge

Article 4: Plant or plant product that does not
require licence and a phytosanitary certificate
for importation

Article 4: Végétal ou produit végétal dont
l'importation ne requiert pas une licence et un
certificat phytosanitaire

Ingingo ya 5: Guhabwa cyangwa kwimwa
uruhushya rwo kwinjiza ibimera
n'ibibikomokaho

Article 5: Granting or refusal of a licence to
import plants and plant products

Article 5: Obtention ou refus de licence
d'importation de végétaux ou de produits
végétaux

Ingingo ya 6: Gutakambira kwimwa uruhushya

Article 6: Appeal against the refusal of granting
a licence

Article 6: Recours contre le refus d'octroi de
licence

Ingingo ya 7: Kwamburwa uruhushya

Article 7: Revocation of a licence

Article 7: Révocation de licence

<u>Ingingo ya 8:</u> Gutakambira kwamburwa uruhushya	<u>Article 8:</u> Appeal against revocation of a licence	<u>Article 8:</u> Recours contre la révocation de licence
<u>Ingingo ya 9:</u> Gutakaza uruhushya	<u>Article 9:</u> Loss of a licence	<u>Article 9:</u> Perte de licence
<u>Ingingo ya 10:</u> Igenzura ry'ubuziranenge bw'ikimera n'ibigikomokaho	<u>Article 10:</u> Phytosanitary inspection of a plant and plant product	<u>Article 10:</u> Inspection phytosanitaire d'un végétal et d'un produit végétal
<u>Ingingo ya 11:</u> Uko bagenza ikimera, ikigikomokaho cyangwa ikindi kintu cyose cyinjijwe mu buryo butemewe n'amategeko	<u>Article 11:</u> Action to be taken with regard to unlawfully imported plant, plant product or any other product	<u>Article 11:</u> Mesure à prendre contre un végétal, un produit végétal ou tout autre produit importé illégalement
<u>Ingingo ya 12:</u> Ibikorera ikimera cyangwa ikigikomokaho cyagaragayeho indiririzi	<u>Article 12:</u> Treatment of an infested plant or plant product	<u>Article 12:</u> Traitement d'un végétal ou un produit végétal infesté
<u>Ingingo ya 13:</u> Ibikorera umutwari wabuze nyirawo	<u>Article 13:</u> Treatment of an abandoned consignment	<u>Article 13:</u> Traitement d'un envoi abandonné
<u>Ingingo ya 14:</u> Uburyo inyubako, imodoka, ubwato, gari ya moshi n'indege birimo ikimera bigenzurwa	<u>Article 14:</u> Modalities for inspection of premises, vehicle, vessel, train and aircraft containing a plant	<u>Article 14:</u> Modalités d'inspection du bâtiment, du véhicule, du bateau, du train et d'avion contenant un végétal
<u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano z'utwaye umutwari	<u>Article 15:</u> Obligations of consignment carrier	<u>Article 15:</u> Obligations du transporteur de l'envoi
<u>Ingingo ya 16:</u> Kugenzura ububiko, ibicuruzwa n'ibindi biri mu nzira bishobora gukwirakwiza indiririzi n'indwara	<u>Article 16:</u> Inspection of storage places, goods and other articles in transit that may spread pests and diseases	<u>Article 16:</u> Inspection de lieux de stockage, des marchandises et autres articles en transit susceptibles de disséminer les organismes nuisibles et les maladies
<u>Ingingo ya 17:</u> Uburyo bwo gufatira ubwato, imodoka, gari ya moshi, indege cyangwa ikindi gitwaye ibintu	<u>Article 17:</u> Modalities for confining a vessel, a vehicle, a train, an aircraft or any other means of conveyance	<u>Article 17:</u> Modalités de confinement de bateau, de véhicule, de train, d'avion ou de tout autre moyen de transport

<u>Ingingo ya 18:</u> Gukumira iyinjira ry'indiririzi cyangwa indwara z'ibyaduka	<u>Article 18:</u> Prevention of introduction of invasive alien species or diseases	<u>Article 18:</u> Prévention de l'introduction d'espèces exotiques ou de maladies envahissantes
<u>Ingingo ya 19:</u> Gutangaza umwaduko w'indiririzi cyangwa indwara	<u>Article 19:</u> Declaration of pest or disease outbreak	<u>Article 19:</u> Déclaration de l'apparition d'un foyer d'organisme nuisible ou de maladie
<u>Ingingo ya 20:</u> Kwinjiza indiririzi, ikimera cyangwa ikigikomokaho bishyigikira ubumenyi n'ubushakashatsi	<u>Article 20:</u> Importation of pest, plant or plant product for scientific and research purposes	<u>Article 20:</u> Importation d'un organisme nuisible, d'un végétal ou d'un produit végétal pour des raisons scientifiques et de recherche
<u>Ingingo ya 21:</u> Kugena igicumbi cy'ikimera cyahawe akato	<u>Article 21:</u> Designation of quarantine station of a plant	<u>Article 21:</u> Désignation de station de quarantaine d'une plante
<u>Ingingo ya 22:</u> Inshingano z'abakozi ba gasutamo cyangwa undi wese ubyemerewe	<u>Article 22:</u> Duties of customs officers or any other authorised officer	<u>Article 22:</u> Attributions des agents de douanes ou de tout autre agent autorisé
<u>Ingingo ya 23:</u> Ububasha bw'abagenzuzi mu bijyanye no kwinjiza mu gihugu ikimera, ibigikomokaho cyangwa ibindi byemewe	<u>Article 23:</u> Powers of inspectors in relation to imported plant, plant products or other regulated articles	<u>Article 23:</u> Pouvoirs des inspecteurs en matière d'importation d'un végétal, produits végétaux ou autres articles réglementés
<u>Ingingo 24:</u> Uburyo bwo kugenzura ikimera cyangwa ikigikomokaho	<u>Article 24:</u> Modalities to inspect a plant or a plant product	<u>Article 24:</u> Modalités d'inspecter un végétal ou un produit végétal
<u>UMUTWE WA III: GUKUMIRA NO KURANDURA INDIRIRIZI N'INDWARA</u>	<u>CHAPTER III: CONTAINMENT AND ERADICATION OF PESTS AND DISEASES</u>	<u>CHAPITRE III: ENRAYEMENT ET ERADICATION DES ORGANISMES NUISIBLES ET DES MALADIES</u>
<u>Ingingo ya 25:</u> Kumenyekanisha ahabonetse indiririzi cyangwa indwara	<u>Article 25:</u> Notification of presence of pest or disease	<u>Article 25:</u> Notification de la présence d'un organisme nuisible ou d'une maladie
<u>Ingingo ya 26:</u> Gutangaza ishyirwaho ry'akato	<u>Article 26:</u> Declaration of a quarantine	<u>Article 26:</u> Déclaration d'une quarantaine
<u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano ya nyir'ubutaka	<u>Article 27:</u> Obligation of the land owner	<u>Article 27:</u> Obligation du propriétaire foncier

<u>Ingingo ya 28:</u> Amafaranga ajyanye no gukuraho indiririzi cyangwa indwara	<u>Article 28:</u> Cost for treatment of a pest or disease	<u>Article 28:</u> Coût relatif au traitement d'organisme nuisible ou de maladie
<u>Ingingo ya 29:</u> Gukuraho akato	<u>Article 29:</u> Quarantine lifting	<u>Article 29:</u> Levée de la quarantaine
<u>Ingingo ya 30:</u> Gutangaza akarere karimo n'akatarimo indiririzi cyangwa indwara	<u>Article 30:</u> Declaration of a pest or disease infested or free area	<u>Article 30:</u> Déclaration d'une zone infestée ou exempte d'organismes nuisibles ou de maladies
<u>UMUTWE WA IV:</u> ICYEMEZO CY'UBUZIRANENGE	<u>CHAPTER IV:</u> PHYTOSANITARY CERTIFICATE	<u>CHAPITRE IV:</u> CERTIFICAT PHYTOSANITAIRE
<u>Ingingo ya 31:</u> icyemezo cy'ubuziranenge	<u>Article 31:</u> Phytosanitary certificate	<u>Article 31:</u> Certificat phytosanitaire
<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 32:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 32:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law	<u>Article 32:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 33:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 33:</u> Repealing provision	<u>Article 33:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 34:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 34:</u> Commencement	<u>Article 34:</u> Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°16/2016 RYO KU WA 10/05/2016
RIGENA UBURYO BWO KURENGERA
UBUZIMA BW'IBIMERA MU RWANDA**

**LAW N°16/2016 OF 10/05/2016 ON PLANT
HEALTH PROTECTION IN RWANDA**

**LOI N°16/2016 DU 10/05/2016 PORTANT
PROTECTION DE LA SANTE DES
VEGETAUX AU RWANDA**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE,
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 25
Gashyantare 2016;

The Chamber of Deputies, in its session of 25
February 2016;

La Chambre des Députés, en sa séance du 25
février 2016;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane
cyane mu ngingo zaryo, iya 53, iya 64, iya 69, iya
70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in
Articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and
176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de
2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles
53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Ishingiye ku Masezerano mpuzamahanga yo
kurengera ibimera yashyiriweho umukono i Roma
ku wa 26/08/2008 hagati ya Repubulika y'u Rwanda
n'Umuryango Mpuzamahanga ugamije kurengera
ibimera nk'uko yemejwe burundu n'Iteka rya
Perezida n° 28/01 ryo ku wa 09/07/2012;

Pursuant to International Plant Protection
Convention signed in Roma on 26/08/2008
between the Republic of Rwanda and the
International Plant protection Organisation as
ratified by Presidential Order n° 28/01 of
09/07/2012;

Vu la Convention internationale pour la protection
des végétaux signée à Rome le 26/08/2008 entre la
République du Rwanda et l'Organisation
Internationale pour la Protection des Végétaux telle
que ratifiée par Arrêté Présidentiel n° 28/01 du
09/07/2012;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena uburyo bwo kurengera ubuzima bw'ibimera mu Rwanda. Riteganya kandi ingamba zo kurwanya no gukumira isakara ry'indirizi cyangwa indwara ndetse n'ibibazo birebana n'ibinyabuzima.

This Law determines modalities for plant health protection in Rwanda. It also provides for strategies meant to control and contain the establishment of pests or diseases and matters connected with living organisms.

La présente loi détermine les modalités de protection de la santé des végétaux au Rwanda. Elle prévoit également les stratégies de lutte et d'enrayement de l'établissement d'organismes nuisibles ou de maladies ainsi que toutes les questions relatives aux êtres vivants.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira :

For the purposes of this Law, the following terms have the following meanings:

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont des significations suivantes:

1° **ahantu**: agace gakorerwamo ibikorwa aho gaherereye hose ;

1° **area**: any place of activities;

1° **zone** : tout endroit d'activités;

2° **ahantu indirizi zigaragara ku rwego rwo hasi** : ahantu hagaragaye indirizi yihariye ku rwego rukiri hasi haba mu Rwanda rwose cyangwa igice cyarwo ikwiye gufatirwa ingamba zo kuyigenzura, kuyirwanya no kuyihashya;

2° **area of low pest prevalence**: area, whether on the whole or part of the Rwandan territory, in which a specific pest occurs at low levels and which is subject to surveillance, control or eradication measures;

2° **zone à faible prévalence d'organismes nuisibles**: toute zone, que ce soit sur tout ou partie du territoire rwandais, dans laquelle un organisme nuisible spécifique est présent à un niveau faible et qui fait l'objet de mesures de surveillance, de lutte ou d'éradication;

3° **aho ikimera gikurira**: umugina cyangwa ikindi kintu umuzi w'ikimera ushobora gukuriramo;

3° **growing medium**: anthill or any material in which a plant root is growing;

3° **milieu de culture**: fourmilière ou toute matière dans laquelle pousse la racine d'un végétal;

Official Gazette n° 22 of 30/05/2016

- 4° **aho ikimera cyangwa igikomoka ku kimera cyinjirira mu gihugu:** icyambu, inzira y'ubutaka, ku mupaka w'igihugu, ikibuga cy'indege, sitasiyo ya gari ya moshi cyangwa iposita;
- 4° **point of entry:** seaport, road, land border point, airport, railway station or post office;
- 4° **point d'entrée:** port maritime, route, poste frontière terrestre, aéroport, station ferroviaire ou poste;
- 5° **aho indiririzi yinjiriye:** ahantu indiririzi yinjirira mu karere, aho itari yagaragara cyangwa se isanzwe ihari ariko bitari cyane kandi ikaba irwanywa mu buryo buzwi;
- 5° **introduction of a pest:** entry of a pest into an area where it is not yet present, or present but not widely distributed and being officially controlled;
- 5° **introduction d'un organisme nuisible:** entrée d'un organisme nuisible dans une zone où il n'est pas encore présent ou bien y est présent mais n'y est pas largement disséminé et fait l'objet d'une lutte officielle;
- 6° **akarere katarangwamo indiririzi:** ahantu indiririzi itagaragara nk'uko byagaragajwe n'ubushakashatsi kandi gushyigikira umudendezo waho bigakomeza;
- 6° **pest free area:** area in which a specific pest is absent as demonstrated by scientific evidence and in which this condition is being maintained;
- 6° **zone exempte d'organisme nuisible :** zone dans laquelle l'absence d'un organisme nuisible a été prouvée scientifiquement et où elle est maintenue;
- 7° **akato:** uburyo urwego rubifitiye ububasha rukoresha bwo gufatira ibimera cyangwa ibibikomokaho mu rwego rwo kwitegereza, gushakashaka cyangwa kugenzura no gupima ko byujuje amabwiriza yo kurengera ibimera;
- 7° **quarantine:** confinement by a competent authority of plants or plant products for observation, research or inspection and testing of their compliance with phytosanitary regulations;
- 7° **quarantaine :** confinement de végétaux ou produits végétaux par l'autorité compétente pour observation, recherche ou pour inspection et analyse de leur conformité à la réglementation phytosanitaire;
- 8° **gufatira:** ugufata ikimera hagamijwe kugenzura niba cyujuje ibyangombwa bisabwa;
- 8° **confinement:** to keep a plant to verify that it complies with the requirements;
- 8° **confinement:** garder un végétal pour vérifier sa conformité aux conditions requises ;
- 9° **gukumira:** ugushyira mu bikorwa ingamba zo kurinda ubuziranenge bw'ibimera mu karere cyangwa hafi aho mu kurwanya ikwirakwira ry'indiririzi cyangwa indwara;
- 9° **containment:** application of phytosanitary measures in or around an infested area to prevent spread of a pest or a disease;
- 9° **enrayement:** application de mesures phytosanitaires dans ou autour d'une zone infestée afin de prévenir la dissémination d'un organisme nuisible ou d'une maladie ;
- 10° **gusakara:** ugukwirakwira kw'indiririzi cyangwa indwara nyuma yo kwinjira ahantu runaka;
- 10° **establishment:** perpetuation of a pest or a disease within an area after entry;
- 10° **établissement :** perpétuation d'un organisme nuisible ou d'une maladie dans une zone après son entrée ;

- 11° **ikinyabuzima kirwanya ibindi binyabuzima:** ikinyabuzima kigira uruhare mu kurwanya indiririzi;
- 11° **biological control agent:** organism used for pest control;
